ESE WANKUNDIYE NKAGUKUNDA?

Ntabwo umutima ukunda
Ukwiriye kubihorwa ;
Ntabwo umunwa uririmba
Usingiza uwo wakunze
Wazira izo ndirimbo.

Nturambirwe n'ijwi
Wumva riranguruye
Rihanitse ibigwi byawe,
Ni umutima wakunze
Uruzurirana cyane
Wisabira gutuza
None ndawutumikiye.

Nta misozi natinye,
Izuba ntiryankanze,
Namagiye amahanga
Ntanga guhangayika
Ntazi impamvu nyayo;
Wa munsi duhura,
Umunsi umutima wanjye
Wugururiwe uwawe
Amaso yarahumutse :
Ni wowe mpamvu y'inzira nanyuze !
Wowe urya Imana yaremye indeba
Igirango umunsi tuzahura
Nzayishimire ubwo butaramu
Nkuvuga ubwiza itasize inyuma !
Mvuge iyo ngendo ihuza abagenda
Ndate iyo ndoro ibarondogoza
N'icyo kimero wiremaniwe...

Ubuzima utarimo ntiburasanirwa
Busa n'umunsi utagira izuba !

Uwangira nk'umuhanzi
Nahora mu nganzo
Nivugira uwo nkunda;
Nakuvuga ubwo bwiza

Bwizihira abakurora ;
Nakuvuga iyo ngendo
Ikimbagira gitore;
Navuga inseko yawe
Ihangana n'izuba;
Nakuvuga uko uteye
Yuko uri agatako
Nifuza guturwa
Nkituriza iteka .

Uwangira umuririmbyi
Nahora nkuririmba,
Nakuvuga bakumva,
Nagutaka iteka !

Sigaho simbi udasinzira
Urora ngusanga nsa n'ushonje
Nsaba ngo utuze nze nsigirize
Ubwiza itigeze igundira
Umunsi ikurema nta busembwa.

Kukuba hirya birangoye:
Ndumva nkumbuye kugukunda
N'ubwo ntigeze mbidohora !

Ni ibisanzwe iminsi yose
Iri joro rihise nakurose
Umutima numva uhinda umuriro
Ingingo zafashwe n'igitengo
Uboshye iz'uwasomye ku nturire
Ari urukundo rubintera !

Ni uko umutima uranyongorera
Uti:"Umwari utigera andeka ngoheka
Aranabikwiye, atemba itoto !
Ni inyenyeri ijoro rikambye,
Ni akazuba umuseke weya,
Ni igisabo kizira igisare,
Ni nk'isoko ivubura ituze..."

Uti:"None tuza nze mugutumeho
Ugende umbwirire Mudahogora
Uti:"Disi nyamibwa y'inseko ikeye
Rurema yiremeye rirenga
Ikaguha byinshi ugahiga benshi,
Wokagira inka we wahojeje
Amarira atemba atewe nawe ?

Ko ugukunda nta kimuruta
Nyabusa wamfashije urugendo? "